# Inkoko N’Agaca

Ann Nduku
Wiehan de Jager
Sylvestre Ntabajyana
3
Ikinyarwanda rw

Kera habayeho Inkoko n’Agaca bikaba inshuti magara. Byabanaga n’izindi nyoni mu mahoro asesuye. Ntan’umwe muri bombi washoboraga kuguruka.

Nuko amapfa aza gutera. Biba ngombwa ko Agaca kajya gushaka amahaho kure cyane. Kagaruka karushye, katagangaye. Gatangira gutekereza niba nta nzira ya bugufi kandi yoroshye kajya kanyuramo.

Ijoro rimwe agaca n’inkoko biza gusinzira umukondorajosi. Bukeye bwaho inkoko igira igitekerezo. Nuko ikusanya amoya yagendaga atakara mu gihe izindi nyoni zabaga zigendagenda. Ibwira agaca iti, “Reka aya moya tuyunge ku yacyu. Wenda byadufasha kujya tugenda mu buryo butworoheye.”

Agaca ni ko konyine kari gafite urushinge mu mudugudu. Bityo ni ko katangiye kunga ya moya ku yako. Nuko gakora amababa abiri, karaguruka kagera mu kirere kure. Inkoko iza gutira rwa rushinge ariko iza kunanirwa itararangiza kudoda. Maze ishyira rwa urushinge ku kabati. Ijya mu gikoni gutegura amafunguro y’abana bayo.

Izindi nyoni zari zabonye agaca kaguruka mu kirere. Nuko zisaba inkoko kuziha rwa rushinge rw’agaca ngo na zo zikorere amababa. Mu kanya gato nazo zitangira kuguruka.

Inyoni zigaruye urushinge zisanga inkoko idahari. Abana b’inkoko bafata rwa rushinge batangira kurukinisha. Bamaze kuruha basiga rwa rushinge mu musenyi barigendera.

Ku gicamunsi, Agaca kaza gutirura rwa rushinge kugira ngo gatunganye amoya yari yahungabanye igihe kagurukaga. Inkoko irushakira ku kabati, mu gikoni, no mu mu mbuga ariko irarubura.

Nuko ibwira agaca iti, “Mbabarira nzakomeze ndushakishe ejo.” Agaca karabyemera. Ariko karayihanangiriza kati, “Nutarubona ejo uzampa umwe mu bana bawe ho ubwishyu.”

Bukeye bwaho agaca karaza. Gasanga inkoko iri kuraha mu musenyi ariko urushinge yarubuze. Nuko agaca kaza kihuta gafata umwe mu bana b'inkoko karamutwara. Kuva icyo gihe, agaca iyo kaje, gasanga inkoko iri kuraha mu musenyi ishakish arwa rushinge.

Inkoko iyo ibonye igicucu cy’amababa y’agaca, iburira abana bayo ivuga iti, “Mujye kwihisha.” Abana bayo na bo bati, “Twakumvise kare. Reka tuyabangire ingata.”

# Global Storybooks

globalstorybooks.net

## Inkoko N'Agaca

Ann Nduku
Wiehan de Jager
Sylvestre Ntabajyana

CC BY